# Kwirinda/ubukangurambaga ku bujura

Ubujura bwibasira ubucuruzi bukorwa iyo ubucuruzi buri gukorwa n'abakozi bahari. Ubujura ni igikorwa cyo gufata ikintu ku gahato cyangwa habayeho iterabwoba. Bene ubucuruzi bagombye guhugura abakozi babo no gufata iya mbere mu kugabanya ibyago byose bizana ubujura.

Tekereza ku miterere y'ubucuruzi n'uburyo buba burinda abakozi. Shyiraho ibikorwa, politiki n'imikorere bica intege abajura. Ntugatume mu bucuruzi hataba umurongo ugaragara neza kuva kuri parikingi gushika mu nyubako. Izeze abakozi ko umutekano wabo ari umusingi wo kugera ku ntego k'ubucuruzi, ko ibindi byose byasimburwa. Intego ni ukugabanya ibyago.

## Mbere yo kwibwa

- Koresha serivisi y'abakiriya inoze – ramutsa buri muntu winjiye.
- Nta bimenyetso n'amatangazo bigomba kuba ku nzugi n'amadirishya kugira ngo hatijima.
- Koresha ibyuma bifata amashusho ahantu hose.
- Jyana buri gihe amafaranga muri banki (nibura buri munsi).
- Shyiraho inzogera ihururiza abajura.
- Kora ibishoboka ahari amafaranga y'ibicurujwe habe habona neza.
- Kora ibishoboka mu bucuruzi habe habona neza imbere n'inyuma.

## Nyuma yo kwibwa

- Hagarika gucuruza maze ukinge neza imiryango.
- Hamagara 911, n'aho impuruza yaba icanye.
- Ntugire icyo ukoraho cyaba cyakozweho n'abajura.
- Saba abahamya kuguma aho kugeza polisi ije; saba abahamya kuvuga ku byo babonye.
- Sohoka ari uko polisi igeze aho byabereye gusa.
- Hamagara nyir'ubucuruzi, umuyobozi n'/cyangwa uwo yagennye.

## Mu gihe cyo kwibwa

- Wirwana, humeka, ugume utuje.
- Kora ibyo usabwe, ntuyege mu buryo butiteguwe.
- Gumisha amaboko ahagaragara.
- Niba bishoboka - fata ibisobanuro ku kinyabiziga cy'abajura n'aho cyerekeje.
- Vuza impuruza ari uko bishoboka gusa.
- UMUTEKANO W'ABANTU UZA MBERE - amafaranga n'ibicuruzwa bishobora gusimburwa.
- Wikurikira abajura, wibirukaho cyangwa ngo ugerageze kubafata.

## Izindi ngamba

- Koresha agasanduku gafashe neza hasi.
- Manika ibimenyetso bigaragaza ko hari amafaranga make ari muri iyo nyubako.
- Shyiraho kamera mu buryo bwa kinyamwuga kugira ngo wizere ubwiza bw'amashusho.
- Jya ukata ibyatsi/ibiti kugira ngo wizere ko mu bucuruzi imbere n'inyuma habona.
- Genzura bikomeye imfunguzo.
- Shishikariza abakozi kugendana n'abo bakorana igihe bagana ku binyabiziga byabo.

# Ahari amakuru

Ishami rya polisi rya Albuquerque, itsinda rishinzwe kurwanya ibyaha rishobora gukora ubushakashatsi ku gukumira ubugizi bwa nabi binyuze mu bushakashatsi bujyanye no gutunganya ibidukikije (CPTED). Gukumira ibyaha bishobora no gusubiza ibyo ukeneye guhugurwamo kuri iyi ngingo no ku zindi.